IKINYARWANDA راوندي راواندي

# تفسير العشر الأخير

## من القرآن الكريم

www.tafseer.info

IBISOBANURO BY'IKINYECUMI CYA NYUMA MURI QOR'AN NTAGATIFU

# IBISOBANURO BY'IKINYECUMI CYA NYUMA MURI QOR'AN NTAGATIFU

*IKURIKIWE N'AMATEGEKO YAN-GOMBWA K'UMUYISLAMU.*

www.tafseer.info

# INTANGIRIRO

بسم الله الرحمن الرحيم

**Ishimwe ni irya Allah, amahoro n'imigisha nibisakare kuntumwa yacu, umukunzi wacu. Nyuma y'ibyo:**

**Menya muvandimwe muislam muislamukazi (Allah abagirire impuhwe) ko mu by'ukuri ari ngombwa kuri twe kwiga ibibazo bine:**

**Icyambere**: **UBUMENYI,** nabyo ni ukumenya Imana nyirubutagatifu, no kumenya Intumwa yayo amahoro n'umugisha biyisakareho no kumenya idini y'ubuislam, kubera ko ntibyemewe gusenga Imana nta bumenyi, nukora ibyo iherezo rye aba ari ukuyoba kandi aba yisanishije n'abakirisitu muri ibyo.

**Icyakabiri**: **GUKORA,** nuzamenya ntakore azaba yisanishije n'abayahudi kuko bo bamenye ntibakore, no mumayeri ya shitani nuko yangisha abantu ubumenyi yumvisha umuntu ko ntacyo bitwaye imbere ya Nyagasani kubera ubujiji bwe, kandi ntiyamenye ko, uzaba afite ububasha bwo kwiga ntabikore ubwo gihamya kuri we izaba iriho. N'ibi ni amayeri y'abantu bo kwa Nuhu igihe bashyiraga intoki zabo mu matwi yabo bakitwikira n'imyambaro yabo kugirango gihamya itazababaho.

**Icyagatatu**: **KUBUHAMAGARIRA,** kubera ko abamenyi n'ababwirizabutumwa nibo bazungura b'abahanuzi kandi Nyagasani yavumye bene Israheli kubera ko bo batabuzanyagaga ibibi bakoraga, nta gushidikanya ibyo bakoraga ni bibi.

No guhamagarira abantu inzira y'Imana (daawa) no kwigisha ni itegeko rihagirije; ribonye abarikora bahagije ntibyatuma undi agwa mu cyaha, ariko babiretse bose bagwa mu cyaha.

**Icyakane**: **KWIHANGANIRA IKIBI**, mu kwigisha ubumenyi no mukubushyira mubikorwa no mukubuhamgarira.

**Kubera gushaka kugira uruhare mu gukuraho ubujiji no korohereza abantu gushakisha ubumenyi bwa ngombwa, twakusanyirije muri iki gitabo cy'inshamake bimwe mubyatuma umuntu agira ubumenyi bumuhagirije hamwe n'ibice bitatu bya nyuma muri Qorani n'ibisobanuro byayo, kubera ko bigaruka kenshi. Kandi icyitagerwaho byose nticyarekwa cyose.**

Twaharaniye ko byaba inshamake kandi mu by'impamo byavuye kuntumwa, nta nubwo twavuga ko twashyizemo buri kintu, kuko ibyo ari umwihariko wa Nyagasani ubwe, gusa ni ubwitange bw'umunyembaraga nke, byaba bitunganye turabikesha Imana, haba harimo ikosa akaba aritwe ryaturutseho na shitani, kandi Allah n'intumwa ye bari kure y'ibyo.

Imana igirire impuhwe uzatugezaho inenge zacu adukosora agambiriye kubaka.

Turasaba Allah ko yahemba buri wese wagize uruhare mu kugitegura kugicapa kugisakaza no kugisoma no kukigisha ibihembo bihebuje, akanabakirira iki gikorwa akanabatuburira ibihembo, Imana niyo mumenyi. Amahoro n'umugisha nibisakare kuntumwa yacu Muhamad, n'abantu be n'abasangirangendo be bose.

---

IKI GITABO cyashimwe n'abamenyi n'abanyeshuri bo mu bihugu bya kiisalam.
Kubindi bisobanuro cyangwa kukwitanga cyangwa ukugira uruhare cyangwa gusaba iki gitabo:
**Urubuga rwa Internet:**
www.tafseer.info cyangwa ukohereza ubutumwa: raun@tafseer.info

**Ibun Umari** aravuga ati: (Nta Munsi waciyeho nkimara kubyumva ku Intumwa uretse ko nahise nandika Umurage wanjye)

**Imam Ah'mad** aravuga ati: (Nta Hadith nimwe nanditse ntamaze Kuyisobanukirwa, kugeza ubwo nabonye Hadith Ivuga ko Intumwa Muhamad yakoze **Hijamat** (Kurasaga Umutwe Amaraso akameneka), hanyuma agaha **Aba Twayibi** Idinari.

Nanjye nkoze **Hijamat** ntanga Idinari rimwe.

**Imam Al Bukhariy** aravuga ati: (Nta Muntu numwe nigeze mvuga adahari, kuva maze kumva ko Kuvuga Umuntu adahari Kizira, kuko nifuza kuzahura n'Imana itambaza ko navuze Umuntu numwe adahari)

Byaje muri

**Hadith:** *" Uzasoma Ayatul Kurusiy nyuma ya buri Sengesho, nta kizamubuza kwinjira mu Ijuru, uretse Gupfa gusa"*

**Ibunil Qayimi:** aravuga ati: (Namenye ko Sheikhul Islami yavuze ati : Ntabwo nigeze ndeka kuyisoma nyuma y'Isengesho, uretse nibagiwe cyangwa Ibindi nkabyo)

* Nyuma yo Kugira Ubumenyi no Kubukoresha ni ngombwa Guhamagarira Abandi Kuyoboka izo Nema Imana yaguhaye Kugirango Utiyimisha Ibihembo, cyangwa Ukabyimisha Undi Intumwa Muhamad ati :

**Hadith :** " Uzigisha Ikiza ahabwa Ibihembo nk'Ibyuwagikoze"

Nanone ati :

**Hadith :** *" Umwiza muri Mwe ni Uwiga Qor'an, hanyuma nawe Akayigisha"*

**Nanone ati : Hadith:** *" Mujye mugeza ku Bantu ibyo Mwanyumviseho nubwo waba Umurongo umwe wa Qor'an"*

Uko Abantu baba benshi wagize Uruhare mu Kwereka Ukuri, niko Ibihemb byawe biba byinshi, nibyiza kuri wowe Bigahora byiyongera kw'Isi na Nyuma yo Gupfa,

**Intumwa Muhamad ati :**

**Hadith :** *" Iyo Umuntu apfuye Ibikorwa bye byose birarangira uretse bitatu gusa, Amaturo yatanze Arambye, Ubumenyi bwagiriye Abantu Akamaro, cyangwa Umwana yareze neza akajya Amusabira"*

**URUMURI.** Buri Munsi dusoma **Surat Al Fatihat** Inshuro zirenze (**17**) twikinga muri zo ku Mana (**Abarakariwe**) na (**Abayobye**) hanyuma twarangiza tukisanisha nabo mu Bikorwa byabo :

* Tukareka Kwiga kugirango Dukore mu Bujiji, bityo tukaba tumeze nk'**Abakristu** bayobye, cyangwa:

* Tukiga ariko Ntidushyire mu Bikorwa, Tukaba tumeze nk'**Abayahudi** Imana yarakariye.

Turasaba Imana ko yaduha hamwe Nawe Ubumenyi bufite Akamaro, n'Ibikorwa byiza.

**Imana n'Intumwa yayo nib`o bafite Ubumenyi kurushaho.**

Amahoro n'Umugisha bisakare ku Mugaba wacu, Umukunzi wacu Muhamad na Biwe n'Abasangirangendo be bose.